# 227: Ku rurembo rwa Dawid' Umwami

1.

Ku rurembo rwa Dawid' Umwami,
Kera harih' uruhongore;
Umwan' ahabikirwa na nyina
Mu muvure w'inka warimo.
Uwo mwana ni we Yesu, Kandi nyina yitwaga Mariya.

2.

Yaje mw is' asig'i We mw' ijuru,
Bamuraza mu ruhongore;
Kand'uburiri bwar'umuvure,
Nubwo yar' Umwami wa bose
Umukiza wacu wera
Yabanye n'aboroheje nkatwe.

3.

Kand' akir' umwana, yubahaga
Ababyey 'akababakorera;
Yabagandukiye muri byose;
Yabakundaga bihebuje,
Natwe, nubwo tur' abana,
Tumere nka Yes' uko yar'ari.

4.

Yatubereye nk'uworoheje,
Kand' ari we Nyir'imbaraga !
Yarakuraga nk'abandi bana :
N' icyitegererezo cyacu.
We yababaranye natwe;
Bituma tunezeranwa na We.

5.

Uwo Mwana mwiza wo gukundwa
None ni W' utegeka byose !
Azagaruka, twe tumubone,

Yes’ Umwami n'Umucunguzi.
Kand' ashorera tw’ abana
Ngw’ atugeze mw ijuru, tubane.

6.

Azaboneker' abamukunda,
Atakiri mu ruhongore;
Azab’ ari mw’ ijuru ku ngoma,
I buryo bw'Iman' ihoraho :
Tuzamwikubit’ imbere,
Tumusingizany’ iteka ryose.

Visit us at indirimbo.com